EVECHE DE KIBUNGO

B.P. 30 KIBUNGO/Rwanda
E-mail : diokib@yahoo.fr
Tél : (+250) 078 958 9308
N. Réf: EVK/01/19/2018

UBUTUMWA BW'UMWEPIKOSPI MU MWAKA WA YUBILE Y'IMYAKA 50 YA DIYOSEZI KIBUNGO

1. Bakristu bavandimwe, turi mu mwaka wa yubile y'imyaka 50 Diyosezi yacu imaze ishinzwe. Ihimbaza rya yubile rikomoka mu byanditswe bitagatifu. Nkuko tubisanga mu gitabo cy'Abalevi « *Uhoraho abwira Musa ku musozi wa Sinayi, ati 'uzahere ku mwaka wa mbere ubara, nugera ku wa karindwi wongere utangire, bityo bityo, maze ubigire inshuro ndwi. Nurangiza, icyo gihe cyose uzaba warabaze kizaba kingana n'imyaka mirongo ine n'icyenda... Muzatangaze mu gihugu cyanyu ko uwo mwaka wa mirongo itanu ari mutagatifu...Mbese izaba ari yubile yanyu, buri muntu azasange umuryango we, asubire mu isambu ye. Uwo mwaka wa mirongo itanu uzaba ari umwaka wa yubile yanyu*.'» Abalevi 25,1;8-11

Bavandimwe rero yubile bivuga gusubira mu muryango w'Imana, gusubira mu rugo kwa Data, cyangwa gusubira ku ivuko. Mu mwaka wa yubile ni ukugarukira Imana no kwiyunga n'abavandimwe. Ni mahire muri Diyosezi yacu kuko twizihiza Yubile mu mwaka Kiliziya mu Rwanda yagize **umwaka w'Ubwiyunge n'Ubuvandimwe**. Bavandimwe "*rero turabinginze mu izina rya Kristu: nimwemere mwiyunge n'Imana*" (2Kor 5,20) kandi mwiyunge n'abavandimwe.

2. Yubile ni ugusubiza amaso inyuma muri iyi myaka 50 tukareba ibyiza Imana yadukoreye tukayishimira. Dusubize amaso inyuma turebe aho twayitunganiye tubyishimire, turebe n'aho tutayitunganiye dusabe imbabazi kandi dufate imigambi n'ingamba byo kwikosora no kurushaho gutunganira Imana. Hari byinshi dushimira Imana: Diyosezi yatangiye ifite abakristu 131,731 ubu ifite 397,402; yari ifite Paruwasi 7 ubu ni 18; yari ifite abasaseredoti 21 ubu ifite 94; yari ifite abiyeguriyimana 76 ubu ifite 124. Izi ni imbuto z'iyogezabutumwa bwakozwe muri iyi myaka, dushimira Imana. Hari rero n'ibihe bibi twagize cyane cyane mu 1994 muri Jenoside yakorewe abatutsi, aho twapfushije abakristu benshi, abasaserdoti n'abiyeguriyimana kandi hakaba hari n'abakristu babigizemo uruhare bavutsa abandi ubuzima bagakora n'ubundi buhemu bunyuranye.Turabisabira Imana imbabazi kandi duharanira kwiyunga nk'abavandimwe imbere y'Imana ngo dusane ubumwe n'ubuvandimwe mu Banyarwanda.

3. Igihe Kiliziya nshya ya Katederali ya Kibungo yegurirwa Imana ari nabwo twatangiraga umwaka wa Yubile, nababwiye ko nyuma yo kubaka Kiliziya y'amatafari n'amabuye, ubu tugiye kubaka Kiliziya nzima, umubiri wa Kristu tubereye ingingo nzima. Kiliziya nzima, umubiri wa Kristu ni Ingoro y'Imana, abakristu tukaba turi amatafari mazima, n'amabuye mazima ayubatse. Aya mabuye mazima, sima iyahuza ni urukundo. Abakristu ni amatafari mazima n'amabuye mazima afatanyijwe n'urukundo nka sima, kugira ngo yubake inkuta nzima za Kiliziya.

Nk'uko rero umwubatsi abumba amatafari ayaringaniza, agaconga amabuye ngo ashobore kubangikana neza yubake urukuta, ni nako mu iyogezabutumwa, Ijambo ry'Imana, amasakaramentu, n'isengesho bigenda bitubumbamo amatafari n'amabuye mazima abereye Kiliziya Ingoro y'Imana n'umubiri wa Kristu.

4. Iyo twubaka Kiliziya duhera ku musingi tugacukura tujya hasi cyane kugira ngo Kiliziya igire umusingi ukomeye ari nawo utuma ikomera ikaramba. Umusingi wa Kiliziya nzima, umubiri wa Kristu ni umuryango, urugo. Kiliziya yubakiye ku ngo nziza za gikrisitu. Urugo niwo musingi wa Kiliziya. Urugo niyo Kiliziya yibanze. Yezu Kristu, Imana yigize umuntu kugira ngo ashinge Kiliziya ku isi, yahisemo guhera ku rugo, avuka mu Rugo Rutagatifu rw'i Nazareti. Kiliziya, umubiri wa Kristu ivukira mu rugo rwaYozefu, Mariya na Yezu i Nazareti. Niyo mpamvu mu rugo ariho Kiliziya ishingira.

Diyosezi yacu yubakiye ku ngo za gikristu zabyaye abakristu b'imena bayigize, abasaserdoti n'abiyeguriyimana bayubatse, ari abakiri muri ubu buzima tukiri kumwe mu rugendo hano ku isi, ari abakurambere bacu bageze mu ihirwe ry'Ijuru kwa Jambo badusabira, ari n'abakiri mu isukuriro muri Purgatori dukomeza gusabira. Diyosezi yacu, umuryango w'abemera, nka Kiliziya igizwe n'ibyo byiciro uko ari bitatu: twebwe abakiri mu rugendo hano ku isi, abahire bageze mu Ijuru na Roho ziri muri Purgatori.

5. Muri iyi Yubile rero insanganyamatsiko twahisemo ni « ***Umuryango Kiliziya y'ibanze n'ishingiro ry'iyogezabutumwa rivuguruye*** ». Yubile yacu ije turi mu gihe Kiliziya yimirije imbere kuvugurura iyogezabutumwa. Muri Diyosezi yacu muzi ko turi mu mwaka wa kane w'igenamigambi ry'iyogezabutumwa ry'imyaka itanu rishingiye ku ngingo eshanu arizo: a) kwamamaza Ijambo ry'Imana, b) kurihimbaza, c) kurishyira mu bikorwa, d) kwemera Ijambo ry'Imana rikatubumbira hamwe nk'umuryango, no e) kuyoborwa n'Ijambo ry'Imana ngo dushyire hamwe impano zacu, n'imbaraga zacu kugira ngo twubake Kiliziya yacu. Turagira ngo rero mu rwego rw'ivugurura ry'iyogezabutumwa rikomeza, muri uyu mwaka wa Yubile tumanuke tugere mu rugo abe ariho byose tubihera.
Iyi Yubile tuzayizihiza mu byiciro bine :

6. Mu cyiciro cya mbere tuzizihiza **"Umuryango igicumbi cy'uburere nyobokamana"**. Turagira ngo uburere nyobokamana butangirire mu rugo. Imirimo ya gitumwa dusanga mu muryangoremezo, ishingiye kuri za Komisiyo za Diyosezi zigize iyogezabutumwa, itangirire mu rugo. Iki cyiciro cya mbere kigizwe na Komisiyo y'ubwigishwa (catéchèse), Komisiyo ya Liturujiya, Komisiyo ya Bibiliya na Komisiyo y'Imibanire n'andi madini. Turagira ngo ubwigishwa bujye buhera mu rugo. Umwana aze kwigira amasakaramentu yaratojwe amasengesho y'ibanze n'inyigisho z'ibanze z'ukwemera. Mu rugo ababyeyi nibakundishe abana Ijambo ry'Imana babatekerereza inkuru n'imigani bya Bibiliya bikubiyemo inyigisho zibafasha kumenya indangagaciro za gikristu bakiri bato.

Abana bakunda Imana cyane, ni byiza rero kubatoza gukunda igitambo cya misa, guhereza no kuririmba mu misa. Ibi byose bituma umwana akurana umuco n'urukundo rwa Liturujiya kandi yishimira kugira uruhare mu mihango mitagatifu.

Ikindi kandi muri iki gihe tubana n'abantu bo mu madini atandukanye ndetse no mu ngo ugasangamo abavandimwe basengera mu madini atandukanye, ni ngombwa gutoza abana hakiri kare kubaha abandi no kubakunda kabone n'iyo baba badahuje idini cyangwa ukwemera. Iki cyiciro cy'umuryango nk'igicumbi cy'uburere Nyobokamana tuzacyizihiriza muri Duwayene ya Rusumo kuri Paruwasi ya Rusumo ku wa 18/02/2018.

7. Mu cyiciro cya kabiri tuzizihiza **"Umuryango udutoza ubutumwa bwacu nk'ingingo nzima zigize umubiri wa Kristu"**. Abalayiki, urubyiruko n'abana, buri cyiciro ni ingingo nzima zubaka Kiliziya Ingoro y'Imana. Birasaba ko buri wese yumva uruhare rwe ntasimburwa mu butumwa bwa Kiliziya. Nkuko ingingo zitandukanye zigize umubiri umwe, kandi buri rugingo rukagira uruhare rwarwo ntasimburwa mu buzima bw'umubiri, natwe niko tumeze muri Kiliziya umubiri wa Kristu. Kumva neza uruhare rwa buri wese n'ubutumwa bwe mu Kiliziya bitangira kwitorezwa mu rugo nka Kiliziya y'ibanze. Imirimo ya gitumwa dusanga mu muryangoremezo: Komisiyo y'abalayiki, urubyiruko, n'abana, ikwiye guhera mu rugo. Iki cyiciro cy'umuryango udutoza hakiri kare ubutumwa bwa buri wese nk'ingingo zigize umubiri wa Kristu tuzakizihiriza muri Duwayene ya Kibungo muri Paruwase ya Rukoma ku wa 22/04/2018.

8. Mu cyiciro cya gatatu tuzizihiza **"Umuryango ishuri ry'umuhamagaro w'ubutungane"**. Umuhamagaro utangirira mu rugo, mu muryango. Umubyeyi Anna muri Bibiliya yasabye Imana umwana ndetse ayisezeranya ko umwana azabyara azamutura Imana. Samweli avutse, umubyeyi we Anna yamutuye Imana, amutoza gukorera Imana kugeza igihe umwana ubwe nawe yiyumviye ijwi ry'Imana, agasiganurirwa n'Umusaserdoti Heli,maze amwigisha kwitabira umuhamagaro we. (1 Sam 1,1-3,9) Mu muryango ababyeyi nibo batoza abana umuhamagaro bakabatura Imana mu Kiliziya ngo ibategure kwiyegurira Imana no kuyihereza ari nako bihatira kuyitunganira mu buzima bwabo basoza ubutumwa yabahaye. Mu muryango niho umuhamagaro w'ubusaserdoti, kwiyeguriyimana n'ugushyingirwa utangirira. Urugo niryo shuli rya mbere ritoza umuntu kwitagatifuza yitabira ubutumwa n'ubuzima Imana imuhamagarira. Iki cyiciro tuzakizihiriza muri Duwayene ya Rwamagana muri Paruwasi ya Mukarange ku wa 24/06/2018.

9. Mu cyiciro cya kane tuzizihiza **"Umuryango ishingiro ry'ubuhamya bw'urukundo rw'Imana mu bantu"**. Mu muryango niho dusanga ubumwe bukomeye bw'urukundo mu bantu. Urukundo Imana yateye mu bantu nirwo ruhuza abashakanye bakaba batakiri babiri ahubwo babaye umubiri umwe

n’umutima umwe. Ni muri urwo rukundo abana bavukira kandi bakarererwa. Mu rugo rero, niho umwana atorezwa kumenya urukundo rw’Imana yo soko y’urukundo.Niho yigira gukunda abavandimwe akurikiza rugero ahabwa n’ababyeyi. Ubuzima bw’umuntu bugizwe no gukunda no gukundwa. Umuntu akenera gukunda kuko Imana yamuhaye urukundo akaba atagomba kurwiharira ngo yikunde kuko icyo gihe ruragwingira ntirugire icyo rugeraho. Ariko kandi akenera no gukundwa kuko kubaho ni ukubana. Iyo amenye neza ko Imana imukunda byahebuje bimuha icyizere gikomeye cy’ubuzima noneho akaba umuhamya w’urukundo rw’Imana mu bandi. Ibi bituma ashobora gukunda abandi bikomeye kuko yumva ko nabo Imana ibakunda ikaba imutuma cyangwa imukoresha mu kubagirira akamaro.

Mu rugo ababyeyi bafite ubutumwa bwo kumenyesha umwana hakiri kare ko Imana imukunda kandi bakamutoza nawe kuyikunda no gukunda abandi agiriye Imana cyangwa ayitura urukundo rwayo. Ubu burere nibwo butuma umwana avamo umuntu witangira abandi mu bikorwa by’ingirakamaro nko kwita ku bababaye no guharanira ubutabera n’amahoro. Mu muryango niho ubuhamya bw’urukundo rw’Imana buhera kugira ngo umuntu agende arushaho kuba ishusho y’urukundo rw’Imana mu bandi no kuba umuhamya warwo. Iki cyiciro tuzakizihiriza muri Duwayene ya Rusumo na none muri Paruwasi ya Musaza ku wa 28/08/2018. Yubile tuzayisoza mu rwego rwa Diyosezi ku wa 22/09/2018, bikazabera kuri paruwasi Katedrali ya Kibungo, dushimira Imana imbuto yatugejejeho.

Muri uyu mwaka wa Yubile ineza y’Imana izaduherekeze maze uzadusigire imbuto nziza kandi nyinshi. Mbaragije Urugo Rutagatifu rw’i Nazareti urugero rw’ingo za gikristu zubakiye kuri Kristu we rutare rutayegayega. Umubyeyi Bikira Mariya Nyina wa Jambo adusabire.

Bikorewe i Kibungo kuwa 19 Mutama 2018.

Musenyeri Antoni KAMBANDA,
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Kibungo